**GUKANGURIRA ABAGIZE UMURYANGO/ABAKOZI BO MU BIGO BITANDUKANYE KWIPIMISHA VIH/SIDA KU BUSHAKE NDETSE NO GUPIMA ABABISHAKA (VCT MOBILE)**

## I. KWIPIMISHA KU BUSHAKE AGAKOKO GATERA SIDA

### 1. Kwipimisha ku bushake agakoko gatera SIDA bisobanura iki?

Kwipimisha ku bushake agakoko gatera SIDA ni serivisi itangirwa ku bigo nderabuzima bya leta no mu bigo byigenga . Igamije gufasha buri muntu wese ubishaka guhabwa inama no kwipimisha ku bushake agakoko gatera SIDA.

### 2. Ni bande bipimisha agakoko gatera SIDA ?

- Umuntu ku giti cye (Urengeje imyaka 15)
- Abashakanye
- Inshuti n'abifuza kurushinga
- Ababyeyi nabo bashobora gupimisha abana babo batarageza ku myaka 15 y'amavuko

### 3. Ni ibihe bikorwa by'ingenzi mu kwipimisha agakoko gatera SIDA ?

- Guhabwa ubumenyi ku ndwara ya SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina : Abaje kwipimisha babanza guhabwa ibisobanuro bihagije kuri SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Gutanga inama no gupima ababyifuza ubwandu bwa virus itera SIDA
- Guha igisubizo buri muntu wapimwe hanyuma akagirwa inama y'uko azitwara bitewe n'ibisubizo afite. Uwo basanze yanduye bamwohereza muri serivisi zishinzwe gukurikirana ababana n'ubwandu bwa SIDA naho abataranduye bagirwa inama y'uko bakwitwara ngo bakomeze kwirinda SIDA

### 4. Ese birashoboka ko abantu babana bashobora kugira ibisubizo bitandukanye ?

Ubushakashatsi bwagaragaje ko abantu babana nk'abashakanye bashobora kudahuza ibisubizo. Byaragaragaye kandi ko umwe mu bashakanye ashobora kwiyitirira igisubizo cya mugenzi we. Ni byiza rero ko ababana bagomba kwipimisha ngo bamenye aho bahagaze bityo bibarinde ko uwaba ataranduye yagera aho nawe akandura.

### 5. Abantu batabona umwanya wo kujya kwipimisha ku kigo nderabuzima babigenza bate ?

Mu rwego rwo gufasha abantu batabona umwanya wo kujya kwipimisha agakoko gatera SIDA, hagiyeho serivisi yo gupimira abakozi ku kazi kabo. Iyo serivisi bayihabwa n'ikigo nderabuzima kibegereye muri serivisi bita "outreach VCT activity " cyangwa "mobile VCT" nyuma yo kwandika babisaba.

Hari kandi na serivisi yitwa PIT (Provider Initiated HIV testing) aho umuntu ugiye ku kigo nderabuzima kwivuza izindi ndwara ashobora no gupimwa ku bushake agakoko gatera SIDA.

## II. KWIPIMISHA NO KUBYARIRA KWA MUGANGA KU BAGORE BATWITE

Umubyeyi utwite yanduye virusi itera SIDA ashobora kwanduza umwana amutwite. Akaba yamwanduza mu gihe cyo kumubyara cyangwa se amwonsa. Nk'uko bivugwa, kwirinda biruta kwivuza. Niyo mpamvu dukangurira umugore wese utwite kwihutira kujya ku Kigo Nderabuzima gusuzumisha inda akimenya ko yasamye. Iyo ahageze uretse gusuzumwa inda anahabwa serivisi yo kwipimisha ku bushake virusi itera SIDA kugirango uwo basanze yaranduye iyo virusi ashyirwe hakiri kare muri gahunda yo kurinda umwana kwandura iyo virusi. Kwisuzumisha inda ndetse na Virus itera SIDA hakiri kare byongerera amahirwe menshi umubyeyi wanduye virusi itera SIDA kutayanduza umwana we.

Bumwe mu butumwa ku birebana no kurinda abagore kwanduza abana babo ubwandu bwa virusi itera SIDA ni ubu bukurikira:

- Ababyeyi batwite bakwiye kwitabira kwisuzumisha no kwipimisha hakiri kare bakimenya ko basamye cyangwa nibura amezi atatu bagisama baherekejwe n'abagabo babo.
- Ababyeyi batwite bamenye ko babana virusi itera SIDA , bagomba kwitabira gahunda yo gutangira hakiri kare imiti ibongerera amahirwe yo kubyara umwana utanduye iyo virusi kandi bagakomeza kwitabira neza gahunda zo gukurikiranwa ku Kigo Nderabuzima.
- Ababyeyi banduye cyangwa babana badahuje ibisubizo, bagomba gukomeza kwikurikirana no gukurikirana umwana nibura kugeza ku mezi cumi n'umunani amaze gupimwa bwa nyuma kugira ngo bamenye ko atanduye. Mu gihe yaba yaranduye hagafatwa ingamba zikwiye.
- Ababyeyi bagize ibyago byo kwandura Virus itera barakangurirwa kuzana kwipimisha abandi bana babyaye mbere kugirango bamenye niba baranduye cyangwa ari bazima.
- Kubyarira ku Kigo Nderabuzima bifasha umugore utwite gukurikiranwa bihagije kugirango bakumire ibyago byose bishobora kuvuka umugore abyara ndetse n'umwana abyaye. Ibi biba akarusho ku bagore babana na virusi itera SIDA kuko umwana hari ibyo akorerwa akanahabwa imiti imwongerera amahirwe yo kutandura virusi itera Sida akivuka.
- Abagabo bakwiye gufasha abo bashakanye ndetse n' abana babo gukurikirana gahunda bahabwa kwa muganga
- Kwitabira gahunda yo kuboneza urubyaro muri rusange ariko by' umumwihariko ababana na virusi itera SIDA kugira ngo badakomeza kubyara kandi babana na virusi itera SIDA.
- Urubyiruko rukwiye kwitabira kumenya, kugana no gukoresha gahunda zo kwirinda kwandura Virusi itera SIDA na gahunda zo kongerera ababyeyi amahirwe yo kubyara abana bazima.